**INYANDIKO-MVUGO Y'ABANYESHULI BAGIZE AMASHYIRAHAMWE**
**YAYOBOWE NA DIRECTEUR GENERAL W'URUBYIRUKO YABEREYE**
**I GACULIRO TALIKI YA 10/07/1984.**

=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=*=

## Ijambo ly'Ibanze

Mu kigo cy'Urubyiruko i GACULIRO hali abana basaga 70, bakaba barasoje ikiciro cyabo cyo kwiga mu Ukuboza 1983. Abo bana rero nibo bagomba kuzashinga amashyirahamwe yabo mu makomini bakomokamo. Ayo makomini akaba NYARUGENGE - KANOMBE - RUBUNGO - GIKOMERO na RUTONGO.

Imhamvu yatumye abo bana bagaruka mu kigo i Gaculiro, yabaye iyo kugirango bongere ubumenyi babonye bakiga, kandi bahugulirwe ibyerekeye amashyirahamwe. Ntawe ushidikanya ko mu mezi atandatu y'inyongera bamaze mu kigo abo bana bali bamaze kumenya gukora koko, ibikoresho byabo bishobora gushimwa bikagulishwa.

Haje rero kuboneka ingorane kuko abo bana barangije ihugurwa lyabo kandi amafranga yo kugura ibya ngombwa ataraboneka ngo barekurwe bajye mu mashyirahamwe. Niyo mhamvu rero habaye akanama ngo abana basobanulirwe uko byagenda, igena ly'ayo mashyirahamwe lizabe nk'uko byali biteganijwe.

__Abali bagize inama__ :
- Directeur Général w'Urubyiruko,
- Chef de Division Formation muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative,
- Directeur w'Ikigo cy'Urubyiruko i GACULIRO,
- Hali n'Abalimu.

Directeur Général yatangije inama agira ati :
Icyatumye mutarangiliza igihe twabasezeranyije kingana n'amezi atandatu (6 mois) n'uko budget y'Igihugu yatinze gusohoka kuko twali tuzi y'uko ibayarasohotse mbere y'italiki ya 30.06.1984 kandi muzi ko icyabibujije ali za Ministeri bahinduye hamwe n'Abakozi bamwe na bamwe. Ubu dufite icyizere y'uko izasohoka vuba kuko Abadepite bayemeye. Ubwo rero ni ukuvuga ko uko mu kwezi kwa munani ya masezerano ashobora kuba yakorwa amafranga amaze kuboneka.
None rero ndabona mwaragize ubwira cyane igihe muhagalika stage yanyu ntakiratungana. Yego mumaze kumenya imyuga mwize, aliko ntabwo mwabinononsoye byose ku bulyo nta kindi mwakongeraho niyo mhamvu mbasaba gufatanya kuko Centre yanyu muzakomeza gufatanya nayo ibagira inama muli ayo mashyirahamwe. Ubwo se ko mwali mwiyemeje gukora amashyirahamwe ubu yaba ageze he ? Ubundi ni ugufatanya na ba Burgumestri tukabona ukuntu ayo mashyirahamwe twayashinga muli Komini mwaba muvukamo. Ibikoresho biza iyo ishyirahamwe libonetse; ubwo se mukeka ko buli wese yagenda yifatira ibye ? Oya ibikoresho bihabwa ishyirahamwe.

..../....

Niyo mhamvu nshaka kongera kubasobanulira ko niyo mwatangira amashyirahamwe ntabwo mwaba mutandukanye na Centre yanyu burundu kuko mushobora kugaruka mugasobanuza abarezi banyu icyaba cyabakomereye mu byerekeye iyo myuga yanyu y'amaboko. None ndabona mwaba mwihanganye mukaguma hano kugeza igihe twaba twababoneye ibyo bikoresho, namwe mukiga uko ayo mashyirahamwe muzayashyiraho.

Chef de Division Formation yagize icyo yongeraho nawe agira ati : Ntabwo twe twigisha abana gusa ngo bahabwe za diplôme, ahubwo ni byiza no kubatoza umwuga wazatuma babasha kwirwanaho, Iyo barangije kwiga byaba byiza babashije gushyirahamwe, bagakorera mu mashyirahamwe yabo yazabonekamo cyera twa Koperative. Twabonanye na ba Burugumestri tubabaza niba bashobora kudufasha gushinga amashyirahamwe badushakira ibibanza yenda n'amazu, Twahisemo kubagarura hano ngo mwongere mwihugure, ubu icyo n'ugushaka ukuntu twabatera ukunga tukabaha udukoresho twifashisho. Nkaba nshaka ko turebera hamwe ukuntu ayo mashyirahamwe yagenda neza mukanatubwira ukuntu mubitekereza cyangwa se uko mwabitekereje, nuko muzakora nabo muzakorana.

Urwe mu bana ati :

Ubundi twe turashaka gukora amashyirahamwe aliko nkatwe twumva twaba twitahiye mukazadutumaho alibyo byiza, cyangwa mukadushakira akazi.

Directeur Général ati :

Ubundi amashyirahamwe si ayacu, ni ayanyu. Nimwe mugomba kwihitiramo abo mugomba gufatanya ilyo shyirahamwe mukanitorera Responsable wanyu, Ntabwo Ministeri aliyo izarema amashyirahamwe maze ngo ifate abantu ku ngufu nkaho byabaye guha umuntu akazi.

Urwe mu bana ati :

Tubonye ibikoresho twakora amashyirahamwe kuko bamwe twakoze liste zabo tuzakorana.

Directeur Général ati :

Niba mufite izo liste muzazitange muli Direction y'i Kigo, Hanyuma tuzakora programu yo kujya kwa ba Burugmestri kureba aho mwakorera, tujyane naba responsable b'amashyirahamwe muzaba mwitoreye.

Urwe mu bana ati :

Njye ndumva mwaduha buli wese ibye bikoresho noneho tukigendera.

Chef de Division Formation ati :

Gutera inkunga amashyirahamwe ntabwo ali ukubaha ibikoresho kuli buli muntu,ahubwo ni ukubiha ishyirahamwe. Kandi inkunga ntivuga gutanga ibikoresho gusa hali n'ibindi, nk'inama za ngombwa, amahugurwa kugulisha ibintu ....

.../...

Mwikuremo igitekerezo ko buli muntu twamuha ibikoresho bye ngo yigendere.

Umwe mu bana ati :

Ese nta kuntu ibyo bikoresho mwabigabanya noneho mukaduha amafranga

Directeur Général ati :

Ibyo rwose ntibishoboka. Ayo mafranga aramutse atanzwe yababera imfabusa. Ugasanga aguzwe icyo atali agenewe. Niyo mhamvu tugomba kwilinda kubafasha tubaha amafranga ahubwo tukabafasha tubagulira ibikoresho byabagilira akamaro igihe kirekire kandi bigakoreshwa rusange.

Urwe mu bana ati :

Njye ndabona ko hafi ya twese twategereza noneho mukadutera inkunga

Directeur Général ati :

Ibyo nibyo nabasabye niba mwese ali uko mubyumva tukaba natwe twabyihutisha.

Urwe mu bana ati :

Twe turabona inkunga mwadutera ali uko Ministeri yadupatanira amazu noneho tukazishyura nyuma.

Directeur Général ati :

Wowe ntabwo ushobora kwemererwa kubaka inzu utali wanashinga ishyirahamwe ngo tube tulizi. Uretse ko natwe tuzagerageza kubashakira aho muzakorera dufatanije na ba Burugmestri.

Umwe mu balimu babo ati :

... ...aka gutanga ikifuzo ; nabazengurutsemo mbabaza aho batuye naho baturuka ngasanga hali ahava bake muli za Komini zabo, jye nkabona ko kugirango ishyirahamwe likomere ali uko baba bava hamwe noneho bakaba bageze byibuze nko kuli batanu cyangwa se icumi kandi baziranye kuko hali ubwo ushobora kuba wakorana n'abantu wowe wumva mutakorana, aliko iyo mwihisemo ndabona alibyo byiza noneho mukitoramo Responsable uretse ko bataliyumvisha icyo ishyirahamwe livuga kuko benshi muli bo bataliyumvisha ukuntu ayo mashyirahamwe akora.

Urwe mu bana ati :

Njye ndabaza nkubu twemeye kuba tugumye aha ndabaza igihembo cyadushimisha muli iyi minsi twaba dutegereje hano

.../...

Directeur Général ati :

Ntabwo nali niteguye icyo kifuzo uretse ko nzabaza abategetsi bo hejuru noneho nkabatumaho abategetsi banyu hano mu kigo.

Kandi muzi ko mufite barumuna banyu batanga minérval kandi mwe ntabwo mwigeze muyitanga mu gihe cya stage kandi mukazabona ibikoresho uretse n'ibikoresho hali essence tuzatanga ku mamodoka tujya kureba ba Burugmestri hamwe na ba Responsables banyu muzaba mwitoreye, aha rero murumva ko byumvikana na none tukaba tubagabulira buli saa sita kuwa 2,3,5 nkuko byali bisanzwe.

UMWANZURO

Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko yaje rero gutanga umwanzuro w'Inama. Uwo mwanzuro ukaba ukubakubiye muli izi ngingo :

1. Amasezerano Ministeri yemeje yo gufasha abana barangije i Gaculiro gushinga amashyirahamwe ntabwo azasubira inyuma. Cyakora ibintu bigomba gukorwa binyuze mu nzira nziza bigategurwa. Ministeri ntabwo ishobora gukora ibirenze amikoro yayo.
2. Iyo bavuze gushinga amashyirahamwe hali ibyiciro bya ngombwa bitatu. Hali ubumenyi ni ukuvuga kumenya koko ubuhanga bw'imyuga izakorwa. Hali kwishyirahamwe, ni ukuvuga kureba uko abantu bazakorana, bakagirana imishyikirano, bakitoramo umuhagarali. Icya gatatu ni nkunga iterwa amashyirahamwe. Ku ngingo ya mbere rero, abana b'i Gaculiro koko bize imyuga. Aliko ntibakwiye kuvuga ko nta kindi barenzaho. Iteka buli muntu ahora yiga.

   Ingingo ya kabili y'uko abana bakwishyirahamwe bakagirana imishyikirano ntiragerwaho. Byaba byiza rero aho kugirango batatane, bagumye kuba mu kigo bagakora nk'uko bisanzwe, bakabona igihe n'umushyikirano uhagije kugirango bareme amashyirahamwe yabo. Ubwo nibamara kwishyirahamwe babishyikilize ubuyobozi bw'ikigo cy'i Gaculiro. Iyo ngingo nitaramuka igezweho nta kindi cyazakorwa.
3. Ibintu bitungana iyo bigiweho inama. Ubu rero imhamvu yatumye itangira ly'amashyirahamwe ubwo mwayumvise, kandi mukaba mwiyemeje ko ibintu byatungana nagirango ni mugira ikindi kibazo muzakitugezeho aliko muciye ku buyobozi bw'i Kigo. Icyo gihe tuzabasubiza dukulikije ibyifuzo byanyu bitewe n'ububasha twazaba dufite. Naho ibyerekeye ishimwe navuze ko ngomba kubibaza ubutegetsi bwo hejuru hanyuma nkazabagezaho icyemezo kizaba cyafashwe.

| UMWANDITSI W'INAMA | UMUYOBOZI W'INAMA |
|---|---|
| NDUWUMWE Michel.- | MUNYAMBARAGA Narcisse.- |
| (sé) | Directeur Général de la Jeunesse |